THE REPUBLIC OF RWANDA

MINISITERI Y'UBUHINZI N'UBWOROZI

MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES

IBIRO BY'UMUNYAMABANGA UHORAHO

Kigali, 11 MAY 2023

N°, 0890/11.20/PS

# AMABWIRIZA Y'IMURIKABIKORWA RY'UBUHINZI N'UBWOROZI RYA 16 AMATARIKI: 20 – 29 NYAKANGA 2023 I KIGALI

Imurika ry'ibikorwa by'ubuhinzi rimaze kuba inshuro cumi n'eshanu kandi rimaze kumenyekana mu ruhando mpuzamahanga by'umwihariko mu Muryango Uhuza Ibihugu byo muri Afurika y'Iburasirazuba (EAC) aho ryaragaragaje ko usibye amasomo abaryitabira ribasigira, ribafasha no mu guteza imbere ubucuruzi bw'ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi.

Imurika ry'ibikorwa ry'ikoranabuhanga mu buhinzi n' ubworozi rihuza abahinzi, aborozi, abacuruzi, abashakashatsi, abafatanyabikorwa ndetse n'abaterankunga bafasha mu byiciro bitandukanye by'ubuhinzi n'ubworozi. Ni uburyo bwiza bwo kugeza ku banyarwanda n'abanyamahanga ibyo ukora, hakoreshejwe inzira zikurikira:

- Gusurwa kw'ibimurikwa.
- Ibiganiro hagati y'abamurika ibikorwa n'abitabira imurika.
- Kubonana kw'abamurika, abashakashatsi, abacuruza ibikoreshwa mu Buhinzi n'Ubworozi, abacuruza ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi n'abashoramari mu Buhinzi n'Ubworozi.
- Kugirana amasezerano y'ubufatanye ndetse n'amasezerano y'ubucuruzi hagati y'abahinzi n'abashoramari.

Imurika rya cumi na gatandatu (16) ry'ikoranabuhanga mu Buhinzi n'Ubworozi rizabera ku Mulindi mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali kuva tariki ya 20 kugeza kuya 29 Nyakanga 2023. Dore bimwe mu bisobanuro by'ibanze ku bijyanye n'iryo murika:

1. **Insanganyamatsiko:**

**"Kuvugurura Ubuhinzi n'Ubworozi binyuze mu ikoranabuhanga, guhanga ibishya n'ishoramari"**

2. **Kwiyandikisha.**

Uwiyandikisha yuzuza neza ifishi yabugenewe akayohereza kuri mu ishami rishinzwe ubuhinzi buvuguruye muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, email: agrimostaff@minagri.gov.rw cyangwa se akayizana ku cyicaro cya Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi.

Ifishi yo kwiyandikisha iboneka ku mbuga (websites) za Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi: www.amis.minagri.gov.rw cyangwa www.minagri.gov.rw ariko ubishaka ashobora no kuyifata ku cyicaro cya



P.O Box 621, Kigali E-mail: info@minagri.gov.rw Website: www.minagri.gov.rw

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi cyangwa ibigo biyishamikiyeho.

Ukeneye ibindi bisobanuro yahamagara kuri izi nomero: 4127 (umurongo utishyuzwa), (+250)0784010290, 0788640537 cyangwa (+250)0788302083.

Uwiyandikishije yemererwa na Komite yabigenewe akabimenyeshwa ahabwa stand.

3. **Ibimurikwa**

Hamurikwa gusa ibikorwa by'Ubuhinzi n'Ubworozi, ibibikomokaho n'ibikoresho byifashishwa hagamajwe kongera umusaruro w'ubuhinzi cyangwa ubworozi no kwihaza mu biribwa.

4. **Gushyira ibizamurikwa kuri Stand.**

Ahabera imurikabikorwa mu ikoranabuhanga mu buhinzi n'ubworozi hari Stands 92 zubatse. Abitabiriye iri murikabikorwa batabonye umwanya muri stands zubatse berekwa na Komite ibishinzwe ikibanza biyubakiramo stand bakoreshereje ihema ryabo. Ntawemerewe kwiha stand cyangwa ikibanza.

Abazamurika barasabwa kugeza ibimurikwa byabo muri stand umunsi umwe mbere y'uko imurika ritangira.

4. **Amafaranga yo kwiyandikisha**

Uwiyandikisha mu kwitabira imurika ari Umunyarwanda cyangwa se kampani Nyarwanda yishyura amafaranga y'u Rwanda ibihumbi bitanu (5000 Rwf) agenewe stand.

Iyo ari umunyamahanga cyangwa se kampani y'Abanyamahanga yaba ikorera imbere mu Gihugu cyangwa hanze yishyura amadolari ijana y'Amerika (100 USD). Umurika agenerwa stand imwe, ariko ashobora guhabwa indi mu gihe abiherewe uruhusa n' abashinzwe imurika kandi akanayishyura. Aya mafaranga ashyirwa kuri konti ya **MINAGRI- RIF 2** nimero **1000007443** iherereye muri Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR).

Abatishyura aya mafaranga ya stand bari mu byiciro bikurikira:

- Uwateye inkunga mu gushyira mu bikorwa imurikabikorwa mu buhinzi n'ubworozi n'abamurika bazanye;
- Uwahawe ikibanza cyokwiyubakiramo stand akoresheje tent;
- Ibigo n'imishinga bishamikiye kuri MINAGRI by'itabiriye imurikabikorwa;
- Abamurika bazanywe na MINAGRI cyangwa imishinga yayo bahawe stand.

5. **Amahoro ya duwani na gasutamo.**

Abazamurika ibintu bivuye hanze baragirwa inama zikurikira:

- Kuba ibyo bazamurika byarasuzumwe n'urwego rubishinzwe ko bifite ubuziranenge kandi nta ngaruka bifite ku buzima no kubidukikije. Bagomba kwerekana icyemezo cy'uko byagenzuwe.
- Gushyiraho ukurikirana ipakira n'irihwa ry'imisoro kuva mu Gihugu ibimurikwa biturutsemo kugera bigeze kuri gasutamo y'u Rwanda aho abakozi ba duwani babishinzwe bazabafasha mu bindi byazakenerwa kugirango ibimurikwa byinjire.

6. **Imisoro n'amahoro.**

Ibimurikwa biturutse hanze y'igihugu ntibyishyura amahoro igihe byinjira, ariko iyo bigurishijwe mu gihe cy'imurika byishyuzwa ibiteganwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro. Ibimurikwa bikomoka mu Rwanda nabyo byishyura umusoro uteganywa

n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro, igihe byacurujwe mu gihe cy'imurika.

**7. Gusura imurika.**

- Abasura imurika ntibishyuzwa, binjirira Ubuntu.

- Abamurika n'abasura bubahiriza amabwiriza yo gukumira icyorezo Covid 19.

**8. Guparika imodoka.**

Imodoka zose zizaza mu imurika zizagenerwa aho ziparikwa ndetse n'umutekano wazo ukaba ariho ukurikiranirwa. Imodoka zizaparikwa ahatemewe zizakurwaho nta yindi nteguza.

**Icyitonderwa:** Ni ngombwa gusiga ufunze neza imodoka yawe. MINAGRI ntiyishingira icyaburamo. Kubazana ikinyabiziga nka moto n'igare nabo barasabwa kujya basiga babiziritse kandi bakabisiga ahantu beretswe n'abashinzwe umutekano.

**9. Amazi n'umuriro.**

Abazamurika bazagezwaho amazi n'umuriro batabyishyuye igihe cyose bazaba babikeneye. Amazi yo kunywa apfundikiye yo azaba aboneka aguzwe ku bayacuruza.

**10. Kwica isari n'inyota.**

Ahabera imurika hazaba hari ibinyobwa n'ibiribwa bicuruzwa.

Abemerewe gucuruza ibinyobwa n'ibiribwa ni abahawe uburenganzira na MINAGRI. Ntawundi wemerewe kubicuruza.

**11. Ubutabazi bw'ibanze.**

Ahabera imurikabikorwa ry'ikoranabuhanga mu buhinzi n'ubworozi hazaba hari stand y'Umuryango Utabara Imbabare: Croix Rouge/Red Cross.

**12. Kwitondera impanuka zikomoka ku muriro.**

Gucana umuriro witwaje impamvu iyo ariyo yose ntibyemewe ahazabera imurika ry'ikoranabuhanga mu buhinzi n'ubworozi. Gucana byemewe gusa ku bantu babiherewe uburenganzira na MINAGRI bazaba bafite akazi ko guteka no kugaburira abazitabira iri murika.

**13. Gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku Bworozi**

Abazamurika ibikomoka ku Bworozi bikenerwa gutunganywa no kongererwa agaciro by'umwihariko amafi n'inyama, bagomba kwitwaza ibikoresho byabugenewe bituma haboneka isuku ihagije no kwirinda impanuka zishobora kuboneka.

**14. Umutekano.**

Minisiteri izishingira umutekano rusange w'abamurika n'ibizamurikwa byose. Ariko buri wese arasabwa gukora ku buryo ibyo azamurika bitangirika cyangwa ngo byibwe kubera uburangare ubwo aribwo bwose bumuturutseho.

**15. Ibyabura, ibyakwangirika cyangwa ibyakwibwa mu gihe cy'imurika.**

N'ubwo Minisiteri izishingira umutekano muri rusange, ntishobora kubazwa ibizabura, ibyakwibwa cyangwa ibyakwangirika mu gihe cy'imurika bitewe n'uburangare bwa nyirabyo.

**16. Ubwishingizi.**

Abazamurika baragirwa inama yo gufata ubwishingizi bw'ibintu byabo bizamurikwa mu gihe imurika rizamara.

**17. Kujugunya imyanda.**

Imyanda yose ishyirwa ahabugenewe abazamurika bazerekwa bahageze.

**18. Amasaha yo gufungura no gusoza ibikorwa by'imurika.**

Kumurika bizajya bitangira buri munsi saa moya za mugitondo birangire saa moya za nimugoroba. Abamurika bagomba kwicungira umutekano ubwabo ku ma stand kugira ngo hatagira ikibura.

**19. Kumurika nijoro.**

Ntibyemewe kumurika mu gihe cy'amasaha ya nijoro.

**20. Amafaranga y'ingendo.**

Abazitabira imurika barasabwa guteganya amafaranga y'ingendo bajya cyangwa bava aho iki gikorwa kizabera kugera aho bazaba bacumbitse.

Bikorewe i Kigali, ku wa 11/05/2023

**Dr. KAMANA Olivier**
**Umunyamabanga Uhoraho muri MINAGRI.**



P.O Box 621, Kigali E-mail: info@minagri.gov.rw Website: www.minagri.gov.rw